

Family ID Number: _____ Participant Name(s): _____

Uburenganzira n'Inshingano bya WIC

Turashaka kumenya neza ko wumva uburenganzira n'inshingano by'uwitabira WIC. Uburenganzira n'inshingano bya WIC nabyo birakurikizwa iyo ubonye inyungu za Farmers' Market Nutrition Program (Porogaramu Y'Imirire Ishingiyeye Ku Isoko ry'Abahinzi) (FMNP) ya WIC. Uburenganzira n'inshingano bya FMNP birimo ariko ntibigarukira gusa ku kubaha no kugira ikinyabupfura ku bagurisha FMNP, no gukoresha inyungu z'isoko ry'abahinzi nk'uko byateganijwe n'abakozi ba WIC.

Uburenganzira Bwanjye

- **Ibiribwa bya WIC:** Niba nujuje ibyangombwa bya WIC, nzabona ikarita ya eWIC yo kugura ibiribwa byiza. WIC itanga bimwe, ariko si byose, mu biribwa/amata y'abana buri wese mu bitabiriyeye akeneye.
- **Amakuru y'imirire:** Nzabona amakuru ajyanye no kurya neza no kubaho neza.
- **Inkunga yo konsa:** WIC izamfasha kandi inshyigikire mu konsa.
- **Amakuru y'ubuzima:** Nzabona amakuru ajyanye no gukingirwa, gushaka ubuvuzi, n'izindi serivisi zishobora kuba zinshishikaje.
- **Kuvura neza:** Amategeko yo kugera kuri WIC ni amwe kuri buri wese. Nshobora gusaba Kwisobanura Binyuze mu Mucyo niba umuntu ambwiye ko ntashobora kuba kuri WIC kandi ntabyemera.
- **Ubupfura busanzwe:** WIC n'abakozi b'ububiko bazamfata neza kandi banyubashye. Nshobora kubwira abakozi ba WIC niba ntubashywe.
- **Kohereza amakuru:** Nshobora kwimurira WIC yanjye ku rindi vuriro cyangwa leta. Nshobora gusaba urupapuro rwo kwimura.
- **Gahunda y'imirire ya WIC ntabwo ivangura:**

Hakurikijwe itegeko rigenga abasivire ku rwego rw'igihugu na Minisitiri y'igihugu ishinzwe ubuhinzi (USDA) amategeko n'ingamba bigenga uburenganzira bw'abasivire, iki kigo kibujijwe gukora ivangura rishingiyeye ku bwoko, ibara ry'uruho, igihugu umuntu akomokamo (harimo igitsina uvuga ko ufite n'igitsina ukunda), ubumuga, imyaka cyangwa kwihorera ku bikorwa by'uburenganzira bw'abasivire byakozwe mbere.

Amakuru ya gahunda ashobora kuboneka mu ndimi zitari icyongereza. Abantu bafite ubumuga basaba ubundi buryo bwo kuvugana n'abandi kugira ngo babone amakuru (urug.: Inyandiko y'abafite ubumuga bwo kutabona yitwa Braille, inyandiko ziri mu nyuguti nini, kasete y'amajwi, Imvugo y'amarenga y'abanyamerika), bagomba kubimenyeshya Ikigo cya leta cyangwa kibegereye bireba gitanga gahunda cyangwa Ikigo cya TARGET cya USDA kuri (202) 720-2600 (ijwi na TTY) cyangwa kubimenyeshya USDA binyuze kuri serivisi y'igihugu ya Federal Relay Service kuri (800) 877-8339.

Kugira ngo utange ikirego cy'ivangura rya gahunda, Utanga ikirego agomba kuzuzwa Ifishi ya AD-3027, Ifishi yo gutangiraho ikirego cy'ivangura cya gahunda ya USDA iboneka kuri interineti kuri: <https://www.fns.usda.gov/sites/default/files/resource-files/ad3027-kinyarwanda.pdf>, ku biro byose bya USDA, uhamagaye (866) 632-9992, cyangwa wandikiye ibaruwa USDA. Ibaruwa igomba kuba irimo izina, aderesi, numero ya telefone by'utanga ikirego n'ibisobanuro byanditse b'y'igikorwa cy'ivangura bivugwa ko cyakozwe mu bisobanuro bihagije kugira ngo uhe amakuru Umuyobozi Wungirije unshinzwe iby'uburenganzira bw'abasivire (ASCR) ku byerekeye imiterere n'itariki kutubahiriza uburenganzira bw'abasivire ku bivugwa ko byabayeho. Ifishi ya AD-3027 yujijwe cyangwa ibaruwa igomba koherezwa USDA hakoreshejwe:

- (1) **iposita:**
U.S. Department of Agriculture
Office of the Assistant Secretary for Civil Rights
1400 Independence Avenue, Washington, D.C. 20250-9410; cyangwa
- (2) **fagisi:**
(833) 256-1665 cyangwa (202) 690-7442; cyangwa
- (3) **imeyiri:**
program.intake@usda.gov

Iki kigo gitanga amahirwe angana.

Amakuru Asangiwe

Amakuru yawe ashobora gusangirwa:

- Hamwe n'izindi gahunda za WIC niba wimuye.
- **Hamwe n'izindi gahunda rusange zishobora kugufasha. Ushobora gusaba kureba urutonde rw'izi porogaramu.**
- Nk'uko amategeko abiteganyaye.

Inshingano Zanjye

Nemeye gutanga amakuru y'ukuri kandi yuzuye ku byerekeye:

- Indangamuntu yanjye, imimerere yanjye yo gutwita, imimerere yo konsa, aderesi, na numero ya telefoni.
- Amafaranga ninjiza mu rugo.
- Umubare w'abantu baba mu rugo rwanjye.
- Kuba kuri Medicaid, FoodShare (ubufasha bw'ibiribwa), TANF (Temporary Assistance to Needy Families) (Imfashanyo y'Agateganyo ku Miryango Ikennye), cyangwa FDPIR (Food Distribution Program on Indian Reservations) (Porogaramu yo Gukwirakwiza Ibiryo ku Bubiko bwa Kavukire z'Abanyamerika)

Nemeye gukurikiza amategeko akurikira. Njyewe:

- Nzahabwa inyungu ku ivuriro rimwe gusa rya WIC buri kwezi.
- Nzamenyekanisha ku bakozi ba WIC ikarita yanjye ya eWIC yatakaye cyangwa yibwe cyangwa akamashini ko gukama amashereka ka WIC.
- Nzareba neza ko umuntu uwo ari we wese navuze ko azakoresha ikarita yanjye ya eWIC azi amategeko ya WIC. Nzamwigisha uburyo bwo gukoresha ikarita yanjye ya eWIC neza.
- Nzakomeza gahunda zanjye zo kubonana na WIC cyangwa mpamagare ivuriro kugira ngo nimure gahunda.
- Nzaresha ibiryo bya WIC n'amata y'abana gusa ku muntu uri kuri WIC hanyuma ndebe neza ko ibiribwa bijyana n'umuntu uri kuri WIC mu gihe cyo kurerera hamwe, kurera, n'ibindi.
- **Sinzagurisha, sinzatanga, cyangwa ngo mfashe ikarita yanjye ya eWIC, ibiryo bya WIC cyangwa amata y'abana, cyangwa akamashini ko gukama amashereka.** Niba mfite ibintu bya WIC ntashobora gukoresha, nzabisubiza ku ivuriro.
- Sinzacuruzana/sinzagurana cyangwa gusubiza ikarita yanjye ya eWIC, ibiribwa bya WIC cyangwa amata y'abana, cyangwa akamashini gakama amashereka ku mafaranga, inguzanyo, guteza, cyangwa ibindi bintu.
- **Sinzashyira ibintu bya WIC kuri interineti.**
- Kurikiza amategeko ari mu Mfashanyigisho yo Guhahira muri WIC.
- Nta kurahira, gutaka, gutoteza, gutera ubwoba cyangwa gukomeretsa ku mubiri WIC cyangwa abakozi bo mu bubiko.
- Nta kwikorera igikorwa cyo kwigurisha ibintu, usibye igihe bisikanywe bikanishyurwa n'umukiriya ubwe, niba nkora mu bubiko bwemewe bwa WIC.

Amasezerano: Ngomba kwemera ibyo bintu kugira ngo mbe kuri WIC:

- Amakuru yose nahaye WIC ni ukuri. Nzabwira abakozi ba WIC ako kanya niba hari impinduka.
- WIC ishobora kugenzura ingano y'abagize urugo rwanjye n'inkomoko yose y'ibinjira mu rugo.
- Niba narenze ku mategeko ya WIC, njye, cyangwa umwana wanjye, dushobora gukurwa kuri WIC.
- Niba mbeshya cyangwa mpishe amakuru kugira ngo mbone ibiribwa bya WIC cyangwa ntasubije imashini ikama amashereka natijwe, nshobora kwishyura WIC agaciro k'amafaranga y'ibyo bintu.
- WIC ni porogaramu ya leta itanga ubufasha. Ndamutse ndenze ku mabwiriza ya WIC, nshobora gukurikiranwa n'inkiko nshinzabyaha mbonezamubano hakurikijwe amategeko ya leta n'ay'igihugu.

Nasomye iyi fishi, cyangwa abakozi ba WIC bansomeye iyi fishi. Nsobanukiwe kandi nemeye amategeko n'amasezerano yavuzwe haruguru, kandi nakiriye kopi y'ubu burenganzira n'inshingano mu Mfashanyigisho yo Guhahira muri WIC.

UMUKONO — Uwitabiriye/Ababyeyi/Umurinzi/Umurezi

Itariki Byashyiriweho Umukono